

TUMENYE BIBILIA
IKIGANIRO NO 0048

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y’Imana nabane nawe. Kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Ubwo twasozaga ikiganiro cy’ubushize, umurinzi w’imbohe yabonaga ukuboko k’Uwiteka kuri ku musore Yosefu. Ntabwo natinya kuvuga ko Imana yari igiye gutangira kumuha umugisha ihereye muri iyi nzu y’imbohe yari yafungiwemo azira ubusa kuko muka Potifari yamubeshyeye ngo yashatse kumusambanya, nyamara ahubwo ari we washakaga gufata Yosefu ku ngufu. Ni ukuri rwose Yosefu yahuye n’ibigeragezo byinshi ariko muri byose yakomeje gukiranuka kandi ukuboko kw’Imana gukomeza kuba kuri we. Dawidi yarabihamije muri Zaburi aravuga ngo nari muto none ndashaje sinigeze mbona umukiranutsi atabwa cyangwa urubyaro rwe ngo rusabirize ibyo kurya! Ni byo koko, ntabwo Imana ishobora kuzigera yibagirwa umukiranutsi wayo. Mu gihe gikwiriye Imana yibutse umukiranutsi wayo Yosefu.

Mu kiganiro cy’uyu muni ndashaka ko twinjira muri iyi nzu y’imbohe, aho Yosefu yari afungiwe maze turebe ibyabereyemo. Wibuke ko muri iyi nzu y’imbohe ariho Umwami Farawo yafungiraga imbohe ze. Mu by’ukuri hari abandi bagabo bari bafungiye muri iyi nzu y’imbohe kandi navuga ko izo mbohe zindi bari abantu bigeze gushingwa amabanga akomeye i bwai kwa Farawo. Ikiganiro cy’uyu muni kirashyira umucyo ku byabereye muri iyo nzu y’imbohe byose.

Nsubiye inyuma gato ndibuka ko twatangiye igice cya 37 twerekana ishusho ya Yesu Kristo muri Yosefu. Mbere yo gukomeza iki kiganiro, nyemerera tugaruke gato kuri iyi mibereho ya Yosefu ifitanye isano n’imibereho ya Kristo:

1. Yakobo yatumye Yosefu kuri bene se. Imana Data yatumye Umwana wayo Yesu Kristo kuri kuri bene se, ari zo ntama zazimiye zo mu nzu ya Isiraheli.
2. Yosefu yanzwe na bene se nta mpamvu, kandi ibi nibyo Umwami Yesu yivugira wenyine ubwe, ati; “Banyanze nta mpamvu.”
3. Yosefu yaguririshijwe na bene se, na Yesu yaguririshijwe n’umwe muri bene se ari we Yuda Isikariyoti.

4. Yosefu yagurishijwe ibice by'ifeza makumyabiri. Umwami Yesu yagurishijwe ibice by'ifeza mirongo itatu.
5. Bene se wa Yosefu bamugiriye inama yo kumwica. Na bene se wa Yesu bamugiriye inama yo ku mwica nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira ngo; "Yaje mu be ntiba mwemera."
6. Yosefu yatawe mu rwobo byasaga nuko bamwishe. Umwami Yesu yarabambwe.
7. Yosefu yakuwe mu rwo rwobo. Umwami Yesu yazutse mu bapfuye ku muni wa gatatu.
8. Yosefu yubahaga se Yakobo. Umwami Yesu yubahaga se ari we Mana Data kuko yavuze ko akora ibinezeza Se.
9. Yakobo yatumye Yosefu kujya kureba bene se. Bibiliya itubwira ko Yesu Kristu yaje gukora ubushake bwa Se atari ubushake bwa bene se.
10. Yosefu yagambaniwe na bene se. ubwo bamubonaga aza abasanga, baravuze bati, "Dore karosi araje." Umwami Yesu yagambaniwe ne bene Se. ubwo bamubonye ku musaraba baravuze bati "Nimba uri Kristo, ikure ku musaraba."
11. Bene se ba Yosefu banze kumwakira, bene Se wa Yesu ari bo Bayuda banze kumwakira.
12. Bagiye inama yo kwica Yosefu, kandi dusoma ko bagiye inama yo kwica Umwami Yesu.
13. Basubije se Yakobo ikanzu ya Yosefu yuzuye amaraso. Bafashe ikanzu ya Yesu barayirwanira.
14. Igihe Yosefu yagurishwaga muri Egiputa, yamaze igihe kinini atabonana na bo mu rugo iwabo. Igihe Kristu yasubiraga mu ijuru; yabwiye abigishwa be ko batazongera kumubona kugeza ubwo azagarukira.
15. Yosefu yageragejwe n'isi, umubiri, na Satani kandi aranesha. Umwami Yesu yageragejwe n'isi n'umubiri, na Satani ariko abona intsinzi.
16. Yosefu yabaye umukiza w'isi muri icyo gihe, mu buryo bw'umubiri yakijije isi ibyago. Umwami Yesu yabaye Umukiza w'isi yose mu buryo bw'umwuka no mu buryo bw'umubiri.
17. Bene se ba Yosefu baramwanze bamutanga mu maboko y'abanyamahanga. Ntabwo yashoboraga kwirwanirira wenyine, kandi yararenganijwe. Umwami Yesu nawe yarenganijwe na bene wabo atangwa mu maboko y'abakuru b'idini maze bamutanga mu maboko y'abanyabyaha. Kandi ntacyaha yari yakoze.
18. Pilato ntabwo yemeye ibirego bashinjaga Umwami Yesu. Kuko yasanze arengana ariko aramwihanganisha. Na Yosefu yararenganijwe nubwo Potifari yari azi ko nta cyaha yakoze. yamujiyanye kwa Farawo nk'uko Pilato yatanze Yesu kwa Kayisari.

19. Yosefu yagiriye umugisha ku murinzi w'inzu y'imbohe. Umutware w'ingabo z'Abaroma na we yahamije Yesu aravuga ati, “Ni ukuri uyu yari Umwana w'Imana.”
20. Yosefu yari kumwe n'abandi banyabyaha. Yabaye umugisha ku mbohe ebyiri yasanze muri gereza ari zo: umuhereza wa vino, n'umuvuzi w'imitsima. Umwami Yesu yabambiwe hagati y'ibisambo bibiri. Umwe yahawe umugisha wo kubana na Yesu muri Paradizo undi acirwaho iteka.

Muri iki gice cya 40 tugiye gutangira; turabanza turebe impamvu byari mu mugambi w'Imana kugira ngo Yosefu yinjire muri iyo nzu y'imbohe.

YOSEFU ASOBANURA INZOZI Z'IZINDI MBOHE

Hanyuma y'ibyo, umuhereza wa vino w'umwami wa Egiputa n'umuvuzi w'imitsima ye, barakaza shebuja umwami wa Egiputa.

Farawo arakarira abo batware be bombi, umutware w'abahereza ba vino n'umutware w'abavuzi b'imitsima.

Abarindishiriza mu nzu y'imbohe, iri mu rugo rw'umutware w'abamurinda, aho Yosefu yakingiraniwe (Itang. 40:1-3).

Ibi ntabwo byari impanuka!

Ese ni iki biduhishurira? Bitwereka amatwara mabi yo gutegekesha igitugu ya Farawo muri Egiputa. Bishoboke ko igitondo kimwe; uyu muvuzi w'imitsima yatetse nabi imigati cyangwa za biscuits ntibyaryohere umwami Farawo maze bwamara gucya bakamuta muri yombi. Ese uyu muhereza wa vino we yazize iki? Birashoboka ko umugoroba umwe yari azaniye umwami Farawo vino mu gikombe noneho agasitara akayimena kuri tapis imbere y'umwami. Ntabwo tuzi. Ntabwo batubwira ibyo bombi bakoze; gusa batwereka ko bajyanwe mu nzu y'imbohe. Ariko ikintu cy'ingenzi ni uko basanzeyo Yosefu. Yosefu yari afite umwanya mwiza muri iyi gereza, umurinzi wa gereza yamuhaye inshingano zijya kumera nk'izo Potifari yari yamuhaye mu rugo rwe. Ahantu hose Yosefu yajyaga, Imana yerekanaga ubushobozi bwe mu bantu. “Amaturo y'umuntu amuhesha inzira, Akamugeza imbere y'abakomeye.” Ibi nibyo byabaye kuri Yosefu. Kandi Imana yakomezaga kuyobora Yosefu ngo asingira intego y'ubuzima bwe.

Umutware w’abarininda umwami abarindisha Yosefu ngo ajye abakorera, bamara igihe bari mu nzu y’imbohe (itang. 40:4).

Yosefu yarabamenye kuko bari basangiye ikibazo. Yagombaga kubitaho ubwo bamusangaga mu nzu y’imbohe.

Umuhereza wa vino w’umwami wa Egiputa n’umuvuzi w’imitsima ye, bakingiraniwe muri ya nzu y’imbohe, bombi barotera ijoro rimwe inzozu zicishije ukubiri, zigasobanurwa ukubiri.

Yosefu mu gitondo yinjira aho bari, asanga bababaye. (Itang. 40 :5-6).

Yosefu yari umuntu atangaje, buri gihe yari afite ubwenge no gutunganya ibintu neza. Yinjiye aho bagenzi be bakoreraga Farawo bari asanga bicaye mu mwijima abona mu maso yabo hadakeye.

Abaza ba batware ba Farawo bakingiraniwe hamwe na we mu nzu ya shebuja wa Yosefu ati “Ni iki gitumye mugaragaza umubabaro mutyo uyu munsu?”

Baramusubiza bati “Ni uko twarose inzozu, kandi akaba ari nta wubasha kuzidusobanurira.” Yosefu arababaza ati “Gusobanura si ukw’Imana se? Ndabinginze , nimuzindotorere (Itang. 40:7-8).

Uwo munsu Imana yihesheje icyubahiro binyuze muri Yosefu. Hari undi musore tuzabona mu biganiro biri imbere wakoze ibisa nk’ibyo Yosefu yakoze. Uwo nta wundi ni umusore witwaga Daniyeli na we yahesheje Imana icyubahiro mu gihugu cy’amahanga. Ndifuriza umukristu wese muri iki gihe gukora nkaba basore. Wowe na njye dukwiriye gukora ibintu byose byahesha Imana icyubahiro. Ndizera ko imwe mu mpamvu Imana itaduha umugisha ni uko ibyo tubona kenshi tubifata nk’ibisanzwe ntiduheshe Imana icyubahiro. Yosefu yagomgaga guhimbaza Imana, kandi yarabikoze! Yaravuze ati “Gusobanura si ukw’Imana se?” ntabwo nemeranya na ba bandi babwira abantu ko bashobora kubabwira ibyo batekereza. Oya rwose. Nshuti yanjye niwumva hari ukubwiye gutyo, uzamufate nk’umubeshyi, Imana yonyine ni Yo ishobora kumenya ibiri ibwina mu mitima yacu. Imana ishimwe ko iryo banga Yosefu yarisobanukiwe. Yamenye ko ku bwe atabasha gusobanura izo nzozu ariko ko Imana ibishoboye, nuko hamwe no kwizera Imana ikorera muri we arazisobanura.

Umuhereza wa vino mukuru arotorera Yosefu inzozu ze ati “Narose ngo umuzabibu wari imbere yanjye,

Kandi wari ufite amashami atatu, mbona usa n’upfunditse uburabyo burarabya, amasere yawo arahisha,

Igikombe cya Farawo nari ngifite mu ntoki, nenda izo nzabibu nzikamurira muri cyo, ngihereza Farawo.”

Yosefu aramubwira ati “Uku ni ko zisobanurwa : ya mashami atatu ni iminsi itatu,

Iminsi itatu itarashira Farawo azakuzamura, ashyire umutwe wawe hejuru, agusubize mu butware bwawe, ubone guhereza Farawo igikombe, nk’uko wahoze ukora kera, uri umuhereza we wa vino (Itang. 40 :9-13).

Biratangaje kubona ukuntu Imana yakoresheje inzozu kugira ngo ivugane na bantu bayo mu Isezerano rya Kera. Ubu buryo bw’inzozi ntabwo tubona Imana ibukoreshe mu gihe cy’Isezerano Rishya. Impamvu ni uko ubuhanuzi bwose bwamaze gusohora muri Yesu Kristo. We ubwe yarabivuze ku musaraba ati ; « Birarangiye ». Nta cyahishwe na kimwe kitahishuriwe keretse ko dutegereje kimwe gusa. icyo nacyo nta kindi ni ukugaruka k’Umwami wacu Yesu Kristo. N’aho ibindi bazakubwira nshuti yanjye, bazaba bariho bakubeshya. Hari abiyita abahanuzi, intumwa, n’ibindi byinshi hanyuma bakavugaga ngo Imana yabatumye ibi n’ibi, n’ibi. Ni ukuri rwose baragushuka nshuti yanjye. Ubuhanuzi bwose bwatangiriyemo ku musaraba kuko uwo twari dutegereje yari Kristo wagombaga kuza kuducungura. Igisigaye nta kindi ni ugutangaza icyo nkuru ya gakiza maze tugatekereza kugaruka k’Uwaducunguye, Umukunzi wacu Yesu Kristo. Ntabwo dukeneye kongera kurota muri iki gihe, ariko muri cyo gihe Imana yavugiraga mu nzozi, kandi yakoresheje ibimenyetso wasangaga bifite ubusobanuro muri icyo gihe. Umuhereza wa vino yumvise ibijyanye no gutanga vino n’ibyo yakoraga kwa Farawo. Nyuma yabyo tubona umwami Nebukadinezari arota igishushanyo. Kubera ko yaramenyereye ibigirwamana ibyo rero akabyumva cyane.

Yosefu yabashije gusobanura inzozu kandi asezeranya umuhereza wa vino ko azafungurwa mu misi itatu.

Maze uzanyibuke ubwo uzabona ibyiza, uzangirire neza, ndakwinginze uzamvuge kuri Farawo, unkuze muri iyi nzu (Itang. 40:14).

Aravuga ati “Dore wowe usigaje iminsi itatu ukava hano, ariko nyewe nzahaguma keretse mbonye umuntu umvugira. Nagusobanuriye inzosi ndakwinginze ntukanyibagirwe!”

Maze Yosefu amubwira amateka ye n’ibyo yanyuzemo byose

Ni ukuri koko banyibye mu gihugu cy’Abaheburayo, n’ino na ho banshyize muri iyi nzu y’imbohe nta cyaha nkoze.” (Itang. 40:15).

Nubwo tutabisoma mu byanditswe, umuhereza wa vino yamusezeraniye ko azamuvugira kwa Farawo.

Wa muvuzi w’imitsima mukuru yumvise yuko amusobanuriye ibyiza, abwira Yosefu ati “Nanjye narose nikoreye ibyibo bitatu by’imitsima yera,

Kandi icyibo cyo hejuru y’ibindi cyarimo imitsima yokeje y’uburyo bwose nshyira Farawo, ibisiga biyindira ku mutwe, iri mu cyibo.” (Itang. 40 :16-17).

Inzosi z’uyu muvuzi w’imitsima ni ikimenyetso cyari kijyanye n’ibyari bigiye kuzamubaho. We yumvaga icyibo yarose kirimo ibintu byiza kandi biryoshye akabitekereza ukundi kuntu.

Yosefu aramusubiza ati “Uku ni ko zisobanurwa : ibyo byibo bitatu ni iminsi itatu,

Iminsi itatu itarashira, Farawo azashyira hejuru umutwe wawe awugukuyeho akumanike ku giti, ibisiga bizakuriraho inyama yawe. » (Itang. 40 :18-19).

Yosefu asobanura inzosi ze ariko amubwira ko bitazamugendekera neza nka wa muhereza wa vino. Yamubwiye ko iminsi itatu itarashira azashyirwa hejuru, kandi ibisiga bikarya inyama ze.

INZOZI ZIRASOHORA

Ku muni wa gatatu, ni wo muni wo kwibutsa kuvuka kwa Farawo, atekereshereza abagaragu be bese ibyokurya, ashya hejuru hagati y’abagaragu be, umutwe w’umuhereza wa vino mukuru n’uwumuvuzi w’imitsima mukuru.

Asubiza umuhereza wa vino mukuru mu buhereza bwe, ahareza Farawo igikombe,

Maze amanika umuvuzi w’imitsima mukuru, nk’uko Yosefu yabasobanuriye inzosi zabo.

Ariko wa muhereza wa vino mukuru ntiyibuka Yosefu, ahubwo aramwibagirwa (Itang. 40:20-23).

Yosefu yahuye n'ibibazo bidasanzwe bimuca intege. Ntabwo yabaye umuretwa gusa ahubwo yagize n'ibindi bibazo byo kurenganywa buri gihe. Byari bimenyerewe ko iyi nzu y'imbohe yafungirwagamo abicanyi n'abandi bakoze ibyaha. Uyu muhungu yagiye hano hantu kubera ubushake bwa Potifari kugira ngo azibagirane. Kwari ukugira ngo ahishe ibibazo byo murugo rwe. Yosefu yari yarasabye wa muhereza wa vino wo kwa Farawo kuzamwibuka no kuzamuvugira kwa Farawo kugira ngo na we afungurwe. Iyi niyo nzira yabonaga ishoboka yo kugera kuri Farawo. Ariko uyu muvuzi wa vino kubera umunezero wo gusubira mu kazi ke ntiyongeye kumwibuka. Imana yashakaga ko abanza kuba aha hantu kubera intego. Dufate nko mu gihe uyu muvuzi wa vino yari kuza, akabwira Farawo ati ; hariya hari agahungu kaboshywe ntampamvu . Rwose ako gahungu ntikakagombye kuba kaboshye kuko kararanganye. Kandi ni ko kansobanuriye inzosi. Ndabyemera rwose, ko Farawo yari kubasha kumufungura. Ariko ntabwo ubona icyari gukurikiraho? Iyo Yosefu asohoka yari guhita yitahira akisubirira muri Kanani iwabo. Kandi Farawo ntiyari kub akibonye umuntu wo kumusobanurira inzosi ze. Imana yashatse kubanza kurekera Yosefu mu nzu y'imbohe, kuko niho hari korohere Farawo kumutumaho ubwo yamukeneraga ngo amurotorere inzosi yarose.

Aho gucika intege Yosefu yakomeje kwizera Imana ko izamuhindurira ubuzima. Kandi biraboneka ko nyuma imbuto zo kwizera kwa Yosefu zaje kugaragara. Yabaye umwizerwa ku murinzi w'inzu y'imbohe. Aba umwizerwa mu rugo kwa Potifari. Yabaye umwizerwa ku Mana, akomeza kuyihesha icyubahiro. Turaza kubibona ko yakomeje kuba n'umwizerwa kuri Farawo, kandi yabaye umwizerwa kuri bene se. Urabona ko kubera kwizera kwe byatumye abantu bose bamugirira icyizere.

Mwene data, nawe niwizera Imana koko, uzaba n'umwizerwa ku bantu.

Turi mubihe bitangaje aho dusanga hari abakristo bake umuntu ashobora kugirira icyizere. Mu matorero menshi muri iki gihe ujya kumva, ukumva umukristo arakubwiye ngo nta turo cyangwa icyacumi nzatanga. Wamubaza impamvu akakubwira ngo ; nubundi ni Pasiteri ubwirira. Ku ruhande rumwe ni ukuri. Kubera ko umukristo ahangara kuvuga ayo magambo kuko nta cyizere aba afitiye uwo mu pasiteri we ariko birashoboka kandi ko yaba amubeshyera. Gusa icyo navuga muri iki gihe ni uko abakristo byitwa ko ari twebwe dukwiye kuba abizerwa kurusha abandi turiho dutakaza icyizere mu batizera. Mwenedata ntabwo ushobora kwizera urangwa n'umugayo

muri quartier aho utuye, mu kazi ukora, mu ishuri, mu muryango wawe, cyangwa se ahandi. Imana ntijya ikorana n’Abantu bakunda umugayo badashaka kuyikiranukira.

Yosefu yari umwizerwa haba ku Mana no ku bantu. Kwizera kwe kwamugize umwizerwa. Ubuzima bwe bwo gukiranuka, ni bwo bwatumye aba ikirangirire na bugingo n’ubu. Nubwo yanyuze mubigeragezo byinshi. Kandi kwizera niko kwatumye amenyekana agasabana n’abantu bose. Wibuke ko yabanye neza na wa muhereza wa vino wo kwa Farawo ndetse na wa muvuzi w’imitsima. Hanyuma turaza kubona uko yagiriye neza bene se. Ikindi kwizera kwe kwatumye agira umutima wo guca bugufi. Yosefu yacaga bugufi cyane. Yahesheje Imana icyubahiro kubyo yagezeho byose. Mbega uburyo yari umuntu udasanzwe! Yizeye Imana nk’uko sekuruza Aburahamu yabikoze ; kandi yasoromye ku mbuto zo kwizera mu buzima bwe.

Noneho turabona Yosefu asa n’uwibagiranywe mu nzu y’imbohe. Ariko Hari utarigeze kumwibagirwa. Uwiteka Imana ntiiyigeze imwibagirwa, kandi yakomeje kwigaragaza mu buzima bwe bwose.

Mwene data ubu butumwa n’ubwawe na njye. Ntabwo nzi ibyo uri kunyuramo uyu muni. Ariko nshingiye ku bantu banyohereza ubutumwa, ndabizi neza ko hariho benshi bari mu bihe bitoroshye. Hari uwigeze kwandi aravuga ngo “Ndi hagati y’urutare kandi mu bihe bikomeye cyane. Ibintu ntibimeze neza namba.” Nshuti yanjye ushobora kuba uteri kubona inzira yo gusohoka muri icyo kigeragezo. Ibyo byose kandi biri gutuma utekereza ko Imana yagutaye. Ndakwinginze utekereze kuri aya mateka ya mugenzi wacu Yosefu. Imana irashaka ko usobanukirwa neza ko ikwitayeho kandi ko igiye guhindura ubuzima bwawe. Niba uri umwana wayo, Imana iremera ko unyura muri ibyo bigeragezo kubw’ineza uzagirirwa ejo hazaza hawe. Imigambi y’Imana ihora ari myiza buri gihe kuri twebwe abayiringira. Mwene data umenye ko Imana ari nziza ibihe byose!

Gusoza

Nshuti yanjye, kwitura ineza umuntu yakigiriye ni ingenzi mu buzima! Umuhereza wa vino wa Farawo yibagiwe ineza Yosefu yamugiriye, ubwo yamusobanuriraga inzozo ze. Uyu muhereza wa vino yavuye mu nzu y’imbohe aragenda aridamararira. Iki ni ikibazo gikomeye cyane muri iyi mini. Aho usanga abantu benshi bicuza impamvu bagirira neza umuntu nyamara akibagirwa iyo neza ndetse kenshi akabirenzaho agasuzuguro. Nzi abakozi b’Imana benshi bagiye bagirira neza abakristo bo mu matorero yabo ariko aba bakristo bamara gutera imbere bakibagirwa ko

aho bageze, babitewe n’Imana yakoreye mu bashumba bo mu matorero yabo. Ugasanga aho kugira ngo bitumen barushaho kububaha no kubasabira umugisha ahubwo batangiye kubatuka, bavuga amagambo mabi kuri abo bakozi b’Imana. Babasebya uko bashatse. Rimwe na rimwe ibi bigatuma aba bakozi b’Imana bacyitse intege, ukumva bavuga ko batazongera kuramburira ibiganza abantu ngo babagirire neza.

Nshuti yanjye, waba umukozi w’Imana cyangwa umukristo usanzwe, cyangwa se utizera. Ntuzacike intege no kuramburira ibiganza umuntu uwo ari we wese. Igihe uzabona bikwiye uzabikore, kandi ntuzategereze ko witurwa iyo neza. Ni byo nibayikwitura bizaba ari amata abyaye amavuta ariko nibatakwitura kandi Imana yo mu ijuru yo izakwitura! Bibiliya ivuga ko Imana itazigera yibagirwa umurimo wose wakoze ukiri mu isi. None se ari ukwiturwa n’Imana no kwiturwa n’umuntu igifite gaciro ni iki? Wowe kora ibyo usabwa gukora, nubona ari ngombwa gufasha ikiremwa muntu uzabikore rwose utitangiriye itama. Yosefu nawe yagiriye neza uyu muheraza wa vino ariko ntiyamwitura iyo neza; nyamara ibi ntibyabujije Yosefu kongera kugirira ineza umwami Farawo, ubwo yamurotoreraga inzosi; kandi ndatekereza ko iyo uyu muheraza wa vino yongera kuruta, ntibyari kubuza Yosefu kongera kumurotorera izindi nzosi.

Isengesho

Mwami Yesu ndasengera umuntu wese wumvise iri jambo ngo umuhe umutima wo kukwizera byuzuye nka Yosefu ubwo yari muri Egiputa, agire umutima wo kubabarira no kugirira neza uwamugiriye neza. Abari mu bigeragezo muri uyu mwanya ndabasengeye, ngo bahinduke abatsinzi mu izina rya Yesu. Ushobora byose Mwami wanjye kandi ndabizi ko ntagishobora kurogoya umugambi wawe. Ngaho igaragaze mu izina rya Yesu Kristo. Amen!!

Ndagushimiye cyane ko wabanye nanjye muri iki kiganiro. Ndashaka kukubwira ko Yosefu atarekeye aho kurotorera inzosi. Ubu noneho Imana igiye kumuzamura, igiye kumukaza mu gihugu cya mahanga. Kandi ndatekereza ko igihe cya Yosefu cyo gusohoka gereza kigeze. Imana igiye kongera kwihesha icyubahiro muri Yosefu maze asobanure inzosi z’umwami wa Egiputa Farawo. Ese izi nzosi za Farawo zari zihatse iki? Aha n’aho mu kiganiro cy’ubutaha.

Amahoro n’umugisha biva ku Mana Data n’Umwana wayo Yesu Kristo n’Umwuka Wera bibane nawe
